# NYARUGURU DISTRICT
# INDASHYIKIRWA NEWSLETTER
# Bimwe mu bikorwa byakozwe mu Kwezi k'Ugushyingo 2024

## ABASAGA 200 BIYEMEJE KUBANA MU BURYO BUKURIKIJE AMATEGEKO

**Unwo hatangizwaga ku mugaragararo icyumweru cyahariwe kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubukangurambaga bw'iminsi 16 mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, abagera kuri 203 bo mu murenge wa Busanze bijemeje kubana mu buryo bukurikije amategeko.**





**Ni abaturage basezeranijwe n'umuyobozi w'Akarere Dr. Murwanashyaka Emmanuel ubwo Guverineri w'Intara y'Amajyepfo ari kumwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, inzego z'umutekano n'abafatanyabikorwa batandukanye bifatanyaga n'abaturage mu gutangiza iki cyumweru,**

**Ubwo hatangizwaga iki cyumweru, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo yasabye abaturage kwimakaza ihame ry'uburunfanire no kwirinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwirinda amkimbira mu miryango.**

## ABANINUJE MU BUHINZI BAHUGIYE MU KUVUGUTIRA UMUTI IKIBAZO CY'IMBUTO Y'IBIRAYI

Urubyiruko 48 rwasoje kaminuza mu buhinzi rwibumbiye muri kompanyi yitwa Nyaruguru Agriculture Value Chain Group Ltd ikorera mu murenge wa Ruheru gikorera ubuhinzi mu karere ka Nyaruguru ruhugiye mu bikorwa byo gutubura no guhinga ibirayi.



Ubwo twaganiraga na Byumvuhore Jean Pierre, umuyobozi w'iyi kompamyi yagize ati", turahinga, tukanatubura imbuto z'ibirayi, ibishyimbo n'ingano ndetse tukanatanga serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi".

Yakomeje agira ati"muri iki gihembwe cy'ihinga 2025A twahinze ibirayi kuri 4ha, tukaba dufitemo ha 2 byo kurya ndetse nizindi ha2 zatuburiweho imbuto y'ibirayi. Twatangiye twishyira hamwe nk'urubyiruko rwo mu karere ka Nyaruguru rwize ubuhinzi muri kaminuza dufite intego yo guteza imbere ubuhinzi mukarere kacu byumwihariko duhereye kubyo abahinzi bakeneye tukaba dufite intumbero yo kuba ihuriro rya serivisi z'ubuhinzi mukarere ka Nyaruguru ndetse no gufasha abahinzi gukora ubuhinzi buvuguruye.

Mu bufasha bahawe n'Akarere ka Nyaruguru kugira bashyire mu bikorwa ibyo bize harimo kuba baratijwe ubutaka bungana na ha 19.

# ABASAGA IBIHUMBI 32 BIZIHIRIJE ISABUKUYA YA 43 Y'AMABONEKERWA I KIBEHO.



Abasaga ibihumbi 32 baturutse mu Rwanda no mu mahanga bizihirije isabukuru y'amabonekerwa ya Bikira Mariya  ku nshuro ya 43 ku Butaka Butagatifu bwa Kibeho bwemejweko ari bwo bwonyine bwabereyeho amabonekerwa y'ukuri muri Afurika nsa!

Kwizihiza isabukuru y'Amabonekerwa i Kibeho ni igikorwa ngarukamwaka gikorwa  buri kuwa 28 Ugushyingo  kikitabirwa b'abemera Gatokika,Inshuti zabo n'abakerarugendo bakora ingendo nyobokamana  baturutse mu Rwanda  no hirya no hino ku isi kubera Ibisubizo n'imigisha bahakura (abemera).





Mu kwizihiza iyi sabukuru kuri iyi nshuro, Igitambo cya Misa cyatuwe na Arkibishopu wa Diyosezi Gatolika ya Kigali agaragiwe n'abasenyeri 19 baturutse hirya  no hino ku isi cyitabirwa n'abasaga 32000 baturutse  mu Rwanda barimo n'abahagarariye ubuyobozi bwite bwa Leta, Uganda, Burundi,Tanzania, Kenya, Cameruni, Gabon, Malawi,Zambia, Chad, Ghana, Congo, Ubudage, Polonye, Ubutaliyani,Esipanye, Amerika,Nigeria,Madagascar,Ububiligi,ubwongereza n'ubufaransa .



**Ubwo hizihizwaga  uyu munsi, Umwepisikopi ya Diyosezi Gatolika ya Gikongoro, Nyiricyubahiro Musenyeri Hakizimana Celestin yagize ati" Uri umukeistu, uri umupadiri, uri musenyeri ukaza mu Rwanda ntiwasubira iwanyu utaje i  Kibeho. Hahandi Bikira Maria yabonekeye  akemerwa muri Afurika yose ,akemerwa na Kiliziya yo mu Rwanda ndetse n'Isi yose. Bikira Mariya  mwaziye mu rugo uyu munsi yabakiranye ubwuzu. Atubwira ijambo rimwe gusa ati icyo abategeka cyose mu  gikore.**

**Yakomeje agira ati" Ni musubira mu madiyosyi yanyu muzatubwirire abapadiri banyu, abakristu banyu ko Birikira Mariya yadusuye hano i KIBEHO, ko yabasuriye hano i kibeho.Bazaze kumva ubutumwa yabasigiye hano maze bashyikigire ibikorwa bya hano. Turacyakeneye aho dusengera  hagutse, dukeye aho ntwakirira abantu bityo Kibeho ya Afurika ikagenda isatira Lourdes na Fatima n'ahandi habereye ibonekerwa.**



## MUSENYERI WA DIIYOSEZI YA IDIOFA MURI CONGO ATI "IMITWARO ITUREMEREYE TUYISHYIZE MU BIGANZA BYA BIKIRA MARIA "

Musenyeri wa Diyosezi ya IDIYOFA muri Congo,akaba na Perezida wa ACEAC, Myr Moko Ekanga ubwo yitabiraga kwizihiza isabukuru ya 43 y'amabonekerwa ya Bikira Mariya i Kibeho yasabiye Akarere k'Ibiyaga bigari amahoro.





**Yagize ati"Umubyeyi yegera buri gihe imishwi cyane cyane igihe imishwi iri mu kaga, Bikira Maria ntabwo ari kure ari hafi kumwe natwe, hashyize imyaka 43 Bikira Mariya ari kumwe natwe kandi ubutumwa bwe buracyari bushya, Bapadiri namwe basenyeri bo mu Karere k'ibiyaga bigari, Repubulika iharanira demokarasi ya Congo le Rwanda et le Burundi dusengere amahoro yo mu Karere k'ibiyaga bigari.**

**Haracyari imfu nyinshi muri aka karere benshi bakuwe mu byabo, bajugunye mu mihanda, imipaka ifunze, inkambi z'impunzi. Twaje hano twe abapadiri tuje gusaba Bikira Maria, kuko turumva hari ibyo tudashoboye , Twaje gushyira mu biganza Bikira Maria uyu mutwaro uturemereye. Mwami w'amahoro ! Twaje gusaba amahoro. Dukeneye amahoro. Murakoze.**





### IMIYOBORO Y'ANAZI YO MU GISHANGA CY'URWONJYA YANGIRITSE IGIYE GUSANWA

Mu ruzinduko Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu yagiriye mu gishanga cy'urwonjya ari kumwe n'umuyobozi w'Ikigo cy'Ubuhinzi Wungirije na Yalla,Yalla bijeje abagikoresha ko iyi miyoboro igiye gusanwa mu maguru mashya.

Ni uruzinduko rwakozwe kuwa 20 Ushyingo hagamijwe gusuzuma imiyoboro ifasha mu kuvomerera amazi imyaka iri mu gishanga hafatwa umwanzuro iyi miyoboro igiye gusanwa ku bufatanye bwa RAB, Yalla Yalla na Koperative y'abahinzi bo mumirenge ya Nyagisozi na Cyahinda basanzwe bakoresha iki gishanga.



# UMWIHARIKO w'UBUTAKA BUTAGATIFU BWA KIBEHO WAGARAGAJWE MU IMURIKAGURISHA RYO MU BUFARANSA

**Ubwo intumwa ya Komite yo guteza imbere ubukerarugendo yitabiraga imurikagurisha ryatangiye kuwa 09-11 Ugushyingo i Cormal mu Bufaransa , hagaragajwe umwihariko w'Ubutaka Butagatifu bwa Kibeho mu Karere ka Nyaruguru abitabiriye iri murikagurisha basabwa kuhasura.**

**Iyi komite yo guteza imbere ubukerarugendo igizwe n'Akarere ka Nyaruguru, Association Pour le Developpement de Nyabimata, Diyosezi Gatolika ya Gikongoro ari nayo ireberera ibijyanye n'ubukerarugendo bushingiye ku iyobokamana i Kibeho.**





**Iri murikagurisha ryateguwe ku bufatanye na Tourisme Sans Frontiere ryitabiriwe na Padiri Gatete Jean Pierre ku rwego rw'iyi komite,Abahagarariye Association Pour le Developpment de Nyabimata baba mu Bufaransaa , Intumwa ya Association Interantional EGUEDI ikorera mu Bufatansa nyuma y'uko iyi Association yari imaze gusoza amahugurwa y'abayobora ba Mukerarugendo mu Karere ka Nyaruguru.**

**I**




Usibye kuba haramuritswe ubutaka Butagatifu bwa Kibeho mu Karere ka Nyaruguru bwemejwe na Kiliziya Gatolika ko ariko honyine habereye Amabonekerwa ya Bikira Maria y'ukuri muri Afurika nsa! Wanabaye umwanya wo kugaragara ibyiza Nyaburanga by'Akarere ka Nyaruguru muri rusange birimo Pariki y'Igihugu ya Nyungwe iherutse gushyirwa mu murage w'Isi (UNESCO), Ubukerarugendo bushingiye ku mucyo, amateka, ubuhinzi bw'icyayi na Kawa, ikibutye cya Shari,...




Ubutaka butagatifu bwa Kibeho buherereye mu majyepfo y'uburengerazuba bw'u Rwanda hamenyekanye kubera amabonekerwa yahabereeye akaba ari nayo mabonekerwa yonyine yemewe na Vatikani ku mugabane wa Afrika .

Biboneka ko amabonekerwa yamenyesheje ubutumwa butandukanye abanyeshuri.

# DISTRICT DE NYARUGURU A L'EXPOSITION TOURISTIQUE A COLMAR, EN FRANCE

Depuis samedi 9 novembre 2024, le Comité de pilotage pour le Développent du Tourisme dans le District de Nyaruguru(COPIL) a participé à l'exposition du tourisme qui a lieu à Colmar dans la ville de Strasbourg, en France. C'est sous l'invitation du Tourisme Sans Frontière. Cette exposition a lieu chaque année, mais c'est la première fois que Tourisme Sans Frontières invite le District de Nyaruguru pour faire connaitre le Rwanda, Nyaruguru et Kibeho afin d'intéresser les pèlerins à y faire le tourisme religieux.




Selon l'organisateur, le progrès du tourisme dans cette espace géographique repose sur trois acteurs : District de Nyaruguru, Diocèse de Gikongoro et l'ADENYA. Il y a un grand potentiel sur cette région. Le Diocèse de Gikongoro et le Sanctuaire de Kibeho constituent une garantie pour le développement du tourisme dans ce territoire.




Quant au Père Jean Pierre Gatete, vice-recteur du Sanctuaire de Kibeho, c'est une occasion d'échange d'expérience avec d'autres pays pour apprendre à bien accueillir ceux qui visitent Kibeho et Nyaruguru. L'équipe du Rwanda expose le matériel montrant la beauté du Rwanda, le café et le thé du Rwanda ainsi que les objets de dévotion en rapport avec les apparitions de la Mère du Verbe à Kibeho. Ils expliquent également le message de la Mère du Verbe destiné au monde entier.






# ABATURAGE BARASABWA GUKOMEZA KWIMAKAZA UBUMWE N'UBUDAHERANWA.

Ubwo yifatanyaga n'abagize ihuriro ry'ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ryo mu murenge wa Ngera, Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr. Murwanshyaka Emmanuel yabasabye gukomeza kwimakaza ubumwe bw'abanyarwanda no guhara nira gukuraho inzitizi zikibubangamiye.




Ibi yabigarutseho kuwa 21 Ugushyingo 2024 nyuma y'Ikiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda cyibanze ku kugaragaza amateka y'ubumwe bw'Abanyarwanda, uko bwasenyutse kugeza bigejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Uyu muyobozi yakomeje yibutsa ko ahahoze irondakokoko, irondakarere, amacakubiri byashyize u Rwanda mu kaga ko umutiwa wabyo wazanywe n'Inkotanyi. Yasabye abitabiriye iri huriro kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa no kubishishikariza abo baje bahagarariye.






Ku rwego rw'uyu murenge, iyi mama y'ihuriro ry'ubumwe n'ubudaheranwa yitabiriwe n'abahoze mu nzego z'ubuyobozi mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, abari mu buyobozi, abikorera, Abafatanyabikorwa n'inzego zihagarariye abaturage bo ku rwego rw'utugari n'umurenge.




Muri iyi nama hashimwe Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda we wahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi 1994, akongera kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda hanatangwa ubutumwa bwo gukomeza kwigisha urubyiruko amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi no kubasaba kunyomoza abayagoreka.

Abitabiriye iyi nama basabwe gukomeza kugaragaza ibikibangamiye ubumwe bw'abanyarwanda kugira ngo inzego zibishinzwe zikomeze gufasha mu ku kuvuguta umuti ukwiye hagamijwe gukomeza kwimakaza ukuri, ubumwe n'ubudaheranwa.

# UMUHANDA RYABIDANDI-VIRO UGIYE GUSHYIRWAMO KABURIMBO

Ubwo yifatanyaga n'abaturage mu nteko y'Abaturage yagaragarijwemo ibyagezweho mu mihigo ya 2024/2025 no guha umuturage ijambo kugira ngo agire uruhare mu gutanga ibitekerezo ku bikorwa bizashingirwaho mu mwaka w'ingego y'imari wa 2025/2026, Umuyobozi w'Akarere Dr.Murwanashyaka Emmanuel yamenyesheje inteko y'abaturage ko Umuhanda Ryabidandi-Viro ugiye gushyirwamo kaburimbo kugira ngo ufashe abaturage kugeza umusaruro ku isoko.





Ni igikorwa cyakozwe kuwa 19 Ugushyingo 2024 m nteko y'abaturage yahuje umuyobozi w'Akarere, Polisi, Ingabo, abakozi b'umurenge n'abaturage b'Akagari ka Nyagisozi.

Muri iyi nteko y'abaturage abaturage bagaragarijwe ko bimwe mu bikorwa byakozwe harimo kubaka inyubako icumbikira abanyeshuri kuri TSS Nyagisozi , amazi meza , kugeza ifumbire ku baturage, amazi meza,.... ndetse nabo bagaragaza bimwe u byagezweho babigizemo uruhare birimo kujyana abana ku ishuri, kwitabira gahunda y'ubwisungane mu kwivuza, kurwanya imirire mibi, kuboneza urubyaro.



# ABATURAGE BARAKANGURIRWA KURWANYA IGWINGIRA MU BANA BATO

Mu bukangurambaga bwakozwe ku bufatanye bw'Akarere ka Nyaruguru, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu,LODA n'Urunana Development Communication abaturage basabwe gukomeza gukumira igwingira, kurwanya imirire mibi, kwirinda amakimbirane mu muryango no kwimakaza umuco wo kwigira no kuzigama .



Ubu bukangurambaga bwakozwe kuwa 20 Ugushyingo 2024 ku kibuga cy'umupira cya Ndago mu murenge wa Kibeho.





# KIBEHO TEA FACTORY KU ISONGA MU GUTANGWA UMUSORO MWINSHI MU KARERE

Uruganda rw'Icyayi rwa kibeho Tea Factory (Lipton Teas and Infusions Rwanda nirwo rwaje ku mwanya wa mbere mu gutanga imisoro.

Ibi byagarutsweho kuwa 16 uGUSHYINGO 2024 mu muhango wo gushimira abasora ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo aho uru ruganda rwazanywe n'umushoramari Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yohereje mu karere ka Nyaruguru kugira ngo afashe mu gutunganya umusaruro w'icyayi.






Itangwa ry'umusoro ku bikorere n'abakozi ba Leta ni bumwe mu buryo bufasha Leta kugeza ku baturage ibikorwaremezo bifasha mu niterambere ry'ubukungu ,imiyoborere n'imibereho myiza y'abaturage

# URUBYIRUKO RURASABWA KUGIRA URUHARE MU KUBUNGABUNGA PARIKI Y'IGIHUGU YA NYUNGWE

Mu bukangurambaga bwakozwe ku bufatanye bw'Akarere ka Nyaruguru na Nyungwe Management Company , urubyiruko rwasabwe gukomeza kubungabunga Pariki y'Igihugu ya Nyungweiherutse gushyirwa mu byanya by'Umurage w'Isi na UNESCO no kubikangurira ababyeyi babo.

Bimwe mu byakozwe muri ubu bukangurambaga bwokorewe mu bigo by'amashuri bitandukanye byo mu mirenge ihana imbibi na Pariki y'Igihugu ya Nyungwe bwakozwe binyuze mu bihangano birimo imivugo, indirimbo, inkuru zishushanije , amakinamico n'imbwirwaruhame zitandukanye zatanzwe n'abakozi bakorera mu Karere ka Nyaruguru ku bufatanye na Nyungwe Management Company byose biganisha ku kubungabunga iyi Pariki,akamaro ifitiye abaturage bayituriye ,Igihugu n'Isi muri Rusange.





Pariki y'Igihugu ya Nyungwe ifasha abaturage kubona umwuka mwiza bahunmeka, ikurura imvura, ni indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima birimo ingege, ibiti bivamo imiti, amoko y'inyoni, byose bikurura bizanira abatyrage n'igihugu ba amadevize akomoka ku bukerarugendo bukakorerwa.



**Muri aya marushanwa , abanyeshuri bahize abandi bahawe ibihembo bitandukanye birimo imipira yo gukina n'amafaranga**

# AMASHURI ARASABWA GUKOMEZA GUSHYIRA IMBARAGA MU RURIMI RW'ICYONGEREZA

Abadepite muri Komisiyo y'uburezi, ikoranabuhanga, umuco , siporo n'urubyiruko basabye amashuri yo mu karere ka Nyaruguru gukomeza gushyira imbaraga mu rurimi rw'icyongereza no gufasha abanyeshuri guhuza amasomo biga n'ubuzima busanzwe.



Ibi byagarutsweho kuwa 18 Ugushyingo mu uruzinduko rwambere itsinda ry'Abadepite rigizwe na Hon. Rutebuka Balinda na Hon, Nyiramana Christine bagiriye mu Karere ka Nyaruguru nyuma y o gutorerwa manda nshya y'imyaka itanu.







Muri uru ruzinduko,abadepite baganiriye na Komite Nyobozi y'Akarere, Anajyanama mu nama Njyanama, Inzego z'umutekano,Abafatanyabikorwa hagaragazwa ibyagezweho mu burezi muri manda y'imyaka irindwi , imbogamizi zigihari ndetse hanatangwa inama ku bikwiye kwitabwaho.

Nyuma yo kuganira n'ubuyobozi , Aba badepite bari kumwe n'abakozi bo mu siahmi ry' uburezi ku Karere, basuye GS Mere du Verbe Kibeho bashima ibikorwa remezo bihari,isuku, gahunda yo kugaburira abana ku ishuri binyuze muri gahunda ya Leta yo kugaburira abanyeshuri, umusanzu w'ababyeyi no kubyaza umusaruro ubusitani bw'ishuri hagamijwe kwihaza mu biribwa, imitsindire y'ibizamini bya Leta,...






Abadepite basuye kandi Ishuri ry'ubumenyi ngiro rya Kibeho ( Kibeho TSS ) hamijwe kureba imyigire n'imyigishirize, ibikoresho n'imicungire yabyo nyu ma basura GS St Paul Kibeho, nyuma kuwa 19 Ugushyingo basura GS Runyomyi aho bashimye uburyo ababayeyi bafatanya n'ishuri mu kwita ku burezi bw'abana babo . Muri rusange, abadepite basabye ko hakomeza gushyirwa imbaraga mu burezi hibandwa ku biteganijwe muri mu mugambi mpinduramatwara mu kwihutisha iterambere icyiciro cya kabiri.

## ARENGA MILIYARI 4,5 NIYO AMAZE KWEGERANWA NGO YUNGANIRE INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE YA 2024




Mu nteko rusange y'ihuriro ry'abafatanyabikorwa b'Akarere ka Nyaruguru(JADF Indashyikirwa ) yo kuwa 14 Ugushyingo 2024, hatangajwe ko amafaranga saga miliyari 4,5 ariyo amaze kwegeranwa kugira ngo yunganire ingengo y'imari y'Akarere ka Nyaruguru.




iyi ngengo y'imari izafasha mu bikorwa bitandukanye birimo gufasha abaturage b'amikoro make kwikura mu bukene, guhindura imyumvire kuri gahunza za Leta 'abafatanyabikorw bayo zigamije kwihutusha iterambere ry'ubukungu, imibereho n'imiyoborere myiza y'abaturage.



## ABAKOZI BASABWE KWIHUTISHA IMIHIGO IGAMIJE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE N'ITERAMBERE

Umuyobozi w'Akarere Dr. Murwanashyaka Emmanuel ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'abaturage Madame Byukusenge Assoumpta bari kumwe n'abakozi bakorera ku rwego rw'Akarere bakiriye itsinda ry'abakozi bo ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo baje gusuzuma aho imihigo ya 2024/2025 igeze ishyirwa mu bikorwa.



Nyuma yo gusuzuma inyandiko zitandukanye no kuganira n'abakozi bafite imihigo mu nshingano, Mutambuka Faustion, umuyobozi w'Ishami ry'igenamigambi ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo yashimye ibimaze kugerwaho anasaba gukomeza gushyira imbara mu mihigo igamije kwihutisha iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.





# ABAKORESHA IREMBO BASABWE KWISABIRA SERIVISI

Ubwo hatangizwaga ubuknngurambga kuri gahunda ya 'Byikorere' mu gusaba serivizi z'inzego z'ibanze zitangwa hifashshijwe urubuga rwa www.irembo.gov.rw, umuyobozi w'Akarere yasabye abaturage bose kugira umuco wo kwisabira serivisi bakoresheje ikoranabuhanga rya Telefone ngendanwa.






Ni ubukangurambaga bwahereye ku bakozi bakorera ku rwego rw'Akarere ka Nyaruguru kuwa 05 Ugushyingo 2024 bukomereza mu mu mirenge aho abakozi n'abaturage basabwe kujya bisabira serivisi zigera kuri 200 zitangwa n'inzego z'ibanze batabanje gukora ingendo bajya gusaha abajenti.





Ku rundi ruhandi, abakozi bashinzwe gukurikirana ibikorwa bya serivisi zitangwa hifashishijwe urubuga www.irembo ku rwego rw'imirenge basabwe guhora biteguye kugira icyo bakora ku busabe bw'abaturage hifashishijwe ikoranabuhanga kugira ngo bibarinde gukererwa no gusiragira.

Ubwo hatangizwaga ubu bukangurambaga , hagaragajwe ahakiri imbaraga nke mu gukoresha urubuga irembo ndetse abakozi bahabwa umukoro wo gukomeza gukangurira abaturage imikorere n'imikoreshereze y'uru rubuga. Ku ikubitiro, abakozi bose bakorera ku cyicaro cy'Akarere ka Nyaruguru bafashijwe gufungura konti kubatazifite banerekwa uko basaba zimwe muri serivisi.

Ubu buryo bwo kwisabira serivisi bufasha mu kugabanya umwanya n'ingendo abaturage bakora nderse n'ikiguzi byabatwaraga.

# ABANYESHURI BO MU BUBIRIGI BASHYIKIYE IBIKORWA BY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA

Mu ruzinduko Umufatanyabikorwa w'Akarere ka Nyaruguru Association Modeste et Innocent (AMI)yagiriye mu Murenge wa Nyagisozi ari kumwe n'abanyeshuri bo muri za kaminuza zo mu Bubiligi n'abarimu babo, bashigikiye ibikorwa by'ubumwe n'ubudaheranwa.

Iki gikorwa cyakozwe kuwa 05 Ugushyingo 2024 mu murenge wa Nyagisozi mu kagari ka Maraba aho aba banyeshuri 18 bagizwe n'Abanyeshuri biga muri za kaminuza zinyuranye mu Bubiligi bari kumwe n'abarimu babo 4 basuye ibikorwa by'Amataba yo mu kagari ka Maraba bafatanya n'abaturage ibikorwa byari bateguwe aho bahingiye umukecuru w'umupfakazi , bamubagariye ikawa zari zararaye ndetse bamubagarira n' ibishyimbo ,Bahingiye kdi umukecuru wamugaye uri mu mataba akaba yitwa bamukorera mu gipimo cy'iKawa. Ubuyobozi bw'Umurenge wa Nyagisozi bwashimiye umufatanyabikorwa AMI kubikorwa bikomeza gushimangira ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda. Aba banyeshuri bo mu Bubiligi banejejwe nibikorwa by'Amatsinda y'ubumwe n'ubudaheranwa yashinzwe ku bufatanye bw'Akarere na AMI. Umuhuzabikorwa wungirije wa AMI yashimiye Amataba abasaba gukomeza kuba umucyo kandi abizeza ko AMI mubishoboka izakomeza kubatera ingabo mubitugu.

Habayeho umwanya wo gusangiza ubuhamya Abashyitsi, ku ntambwe imaze guterwa mu rugendo rw'ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda. Byakoze ku mutima Abashyitsi ndetse bamwe bibazamuramo imbamutima biyemeza kugenda bavuga mu mahanga intambwe ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda bugezeho kandi bakarwanya ingengabitekerezo ya Jenoside ku bo ikirangwaho hirya no hino ku isi.

Mu karere ka Nyaruguru hari amataba yabakuru n'amataba y'abato . Amataba y'abakuru agizwe na bamwe mu bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi bireze bakemera ibyaha bakaba bararangije ibihano bahawe n'abayirokotse naho amataba ni amatsinda y'abana arimo abakomoka kuribo. Imikorere y'amataba igamije kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda no gufatanya mu bikorwa bigemije amatsinda bahuriyemo.









## Ukeneye andi makuru:

1. **Tollfree: 4160**
2. **Website:www.nyaruguru.gov.rw**
3. **x:@NyaruguruDistr.**